**EVECHE DE BYUMBA**

B.P 5 BYUMBA
Tél. (+250) 0252 564 165
Mob. (+250) 78 830 23 20
E-mail: servilianus@hotmail.com
diocabyumba@yahoo.fr
REPUBLIQUE DU RWANDA

# IBARUWA YA GISHUMBA YO GUTANGIZA UMWAKA W' IKENURABUSHYO WA 2015-2016 MURI DIYOSEZI GATOLIKA YA BYUMBA

Basaseridoti Bavandimwe,

Bihayimana mwse,

Rubyiruko,

Bakristu bavandimwe,

1.Tumaze igihe kigera ku myaka icyenda (9) twarahaye umuryango umwanya ukomeye mu iyogezabutumwa muri Diyozesi yacu; aho umuryango witaweho ku buryo bugaragara, habayeho amahugurwa, abagize umuryango bigishwa uko bagomba kwitwara ngo umuryango bagize ube mwiza, hashyizweho amatsinda y'ingo zegeranye muri Paruwasi zose,

ingo zigishijwe amahame aranga ukwemera kwacu, zigishijwe gufashanya hagati yazo, ubu tugeze ku cyiciro cyo guharanira kwiteza imbere maze tukamurura ubukene mu ngo zacu, niyo mpamvu umwaka w'ikenurabushyo wa 2014-2015 dushoje none wari ufite insanganyamatsiko igira iti:"**Umuryango mwiza, ishuri ry'ukwemera n'inkingi y'amajyambere".**

2. Muri uyu mwaka mushya w'ikenurabushyo wa 2015-2016 dutangiye none, nabwo umuryango ntabwo uzibagirana, uzakomeza kwibandwaho, ariko cyane cyane ku kiciro cy'urubyiruko. Insanganyamatsiko iragira iti:" Umuryango mwiza, isoko y'ubuzima n'uburere by'urubyiruko". Ubuzima ni impano ikomeye dukomora ku Mana, yo muremyi wa byose, ibiboneka n'ibyo ijisho ryacu ridashobora kubona. Iyo mpano rero Imana yashatse kuyinyuza mu muryango: aho abashakanye bakomeza ugushaka kw'Imana ko gutanga no gukomeza ubuzima mu bantu kuri iyi si dutuye.Mu muryango niho umuntu acurirwa (Intg 1,28), ubuntu nyabwo buturuka mu muryango umuntu avukiyemo. Mu muryango niho higirwa urukundo n'ubudahemuka by'Imana, hakigirwa n'ibisabwa kugira ngo umuntu akunde kandi abe indahemuka nk'uko Imana ibidusaba ( Iy 12,25-25; Iv 6,20-25; Iz 3,1-16;7,27-28). Niyo mpamvu na Yezu ubwe, umwana w'Imana yemeye kuvukira mu muryango, umuryango wa Yozefu na Mariya, bityo aba ahaye umuryango agaciro gakomeye, arawutagatifuza, umuryango uhinduka isakaramentu ritagatifuza abawugize bose. Nk'uko Mutagatifu Yohani wa II yabivuze , mu nyandiko ye yitwa "Centessimus annuss", umuryango ufite agaciro gakomeye cyane, kuko iyo umugabo n'umugore bahujwe n'urukundo, batuma abana babo bagira amahirwe yo kubaho neza, bakisanzurira muri urwo rukundo, bakarukuriramo, bigatuma

bumva ko bafite agaciro, bikabatera kugira icyizere cy'ejo hazaza habo heza.

3. Mu muryango kandi niho higishirizwa imico n'imigenzo bishimisha Imana nk'uko tubisoma muri 1Tes4,1-12: Umuryango mwiza, utoza abawukomakamo ubutungane, ukabatoza kwirinda ingeso mbi zose. Mu muryango mwiza niho urubyiruko rukomora umuco wo kwifata, ibi kandi bikaba akamenyero, kugumana ubusugi, ubumanzi n'ubwiyubahe, rukirinda gutwarwa n'irari cyangwa se kugenza nk'abanyamahanga batazi Imana. Mu muryango kandi niho higirwa kubaha no kubahana, kubaho mu kuri, kwanga urunuka ikinyoma, kubeshyerena no kugambanira abandi, kwitoza kugira ibanga, kwitsinda no kwiramira,..( 1kor 4.1-12).

Umuryango mwiza ni ishuri ry'urukundo, aho ababyeyi, iyo babyiteguye neza, bakabana nta n'umwe utunguwe cyangwa ngo atungurane, abo babyeyi bahinduka abarimu babifiitye ubushobozi, bagatoza abana babo gukunda nk'uko Imana ibishaka, baharanira gutunganira imana mu mibereho yabo kugira ngo amazina yabo azandikwe mu gitabo cy'ubugingo nk'uko Ivanjili ibidushishikariza (Lk10,1-24).

4. Bakristu Bavandimwe, ingo zacu tuzimakazemo iyo mico myiza dukomora mu Ivanjili ya Kristu, abana bacu tubatoze ubukristu hakiri kare, tubatoze urukundo rutarondera akari akarwo cyangwa ruvangura, bityo imfubyi n'abapfakazi nabo bazava mu bwigunge kuko bazatwibonamo, bakadusanga, natwe tukabasanganira maze tugafatikanya kubaka ubu buzima bwa hano ku isi.

Nibanze cyane ku babyeyi nk'abagomba gutoza abana babo kuba beza, ibi ni byo koko, kuko ababyeyi nibo bagomaba kuba beza mbere na mbere kuko ntawe utanga icyo adafite. Ubwiza bw'ababyeyi bugomba kuba impumuro nziza, ituma abana babo bifuza kumera nkabo ndetse ikareshya n'abatarashinga ingo, ikabakundisha umuhamagaro wo kubaka urugo.
Ibi ariko ntibitwibagize ko hari urubyiruko runanira ababyeyi babo, ababyeyi bagakora iyo bwabaga ngo bakosore abana babo, ariko bakabananira, ababyeyi bagasigara bameze nka ya hene y'imbyeyi yonera ku kiziriko. Babyeyi ntimucike intege, mukomeze urugamba kandi mwitabaze Imana yabashinze uwo murimo wo kubyara no kurera.
Turagaya urubyiruko rwitwara uko rwishakiye, rwatwawe n'irari, ubunebwe, urubyiruko rutagisenga, urubyiruko rwataye ishuri, urubyiruko rurangwa n'urugomo ndetse rwasariswe n'ibiyobyabwenge, turarusaba guhinduka, kurangwa no kumvira, gukunda no gukora ibitunganye. Muru uyu mwaka twese hamwe tuzafatikanye, twunge ubumwe, maze tuyobowe n'insanganyamatsiko y'uyu mwaka, imiryango yacu ibe myiza, irangwemo ubuzima buboneye kandi n'urubyiruko rurangwe n'uburere bwiza bahabwa.

5. Dore bimwe mu bikorwa bizibandwaho muri uyu mwaka w'ikenurabushyo dutangiye:

- ✓ **<u>Gushyiraho inzego z'urubyiruko no gukomeza iziriho</u>** : Kubaka neza ubuyobozi bw'urubyiruko, kuva ku rwego rw'Imiryango-Remzo kugeza ku rwego rwa Diyosezi, ibi

bikazorohereza gutambutsa ubutumwa bugenewe urubyiruko, buva kuri Diyosezi bugana urubyiruko rwose rwa Diyosezi;

- ✓ **<u>Gushinga "Ishuri ry'urukundo</u>"**: Ni urubuga urubyiruko ruzajya ruhuriramo, rukigishwa kandi rugatozwa Iyobokamana ry'ukuri: Buri paruwasi izagira ishuri nk'iri, ryigishe gukunda uko bikwiye, urubyiruko rutozwe hakiri kare inyigisho zijyanye no gushinga urugo, igicumbi cy'ubuzima n'indangagaciro;

- ✓ **<u>Uruhare rw'abarezi, abihayimana n'abapadiri bashinzwe amashuri</u>**: Amashuri nayo azitabwaho, turasaba ubufatanye hagati y'ubuyobozi bw'amashuri, abarimu bigisha iyobokamana ndetse n'abihayimana bashinzwe amashuri, kwegera urubyiruko, bakarutoza iby'Imana, kubatoza gusenga, ibikorwa by'urukundo n'indi migenzo ishimisha Imana. Ibi birasaba ko hajyaho gahunda ihamye kandi ihoraho muri buri shuri, abanyeshuri bakajya bahura bakigishwa, bagahabwa umwanya wo kugaragaza umwanya baha Imana mu buzima bwabo. Byongeyeye, urubyiruko rwiga muri iriya myaka icyenda (9) cyangwa cumi n'ibiri (12) y'uburezi bw'ibanze bo bagomba kwitabwaho by'umwihariko, abapadiri bashinzwe amashuri muri buri paruwasi barasabwa gutangira gusura amashuri, bakaganira n'ubuyobozi bwayo hakajyaho gahunda ihamye yo kwita kuri urwo rubyiruko, barutoze itegeko ry'urukundo, barutoze kwirinda ibiyobyabwenge n'izindi ngeso mbi, ahubwo barutoze kwimakaza umuco w'ubusugi, ubumanzi no kwiramira;

- ✓ **Gutegura no kwizihiza icyumweru cy'uburezi**: Icyi ni icyumweru gisanzwe kibaho buri mwaka, turasaba rero ababishinzwe kongera imbaraga mu mitegurire y'iki cyumweru, ku buryo cyajya gisusurutsa urubyiruko rwose rwiga mu mashuri gatolika, ndetse n'ayandi aho bishoboka;

- ✓ **Kubyutsa"Equipe enseignante":** iri tsinda ry'abarimu rigira akamaro cyane, kuko abarimu bahura bakaganira ku bikenewe ngo umurimo wabo ugende neza, barusheho gufasha abo bashinzwe kurera. Iri tsinda rero ryahozeho muri Diyisezi yacu, ubu ariko ryaradohotse cyane, turasaba rero kongera kuritangiza aho ritakigaragara, no kongera ingufu aho riri ariko ridakora uko bikwiye;

- ✓ **Abarimu bigisha Iyobokamana mu mashuri**: Muri buri kigo cy'amashuri ya Kiliziya Gatolika ndetse n'ayandi hagomba gushyirwaho abarimu bigisha Iyobokamana, bagahugurwa, bagahabwa ibikoresho bikenewe kandi iri somo rigatangwa kugira ngo urubyiruko rujye ruhora ruhugurwa mu by'Imana;

- ✓ **Imyidagaduro, ubuhanzi, umuco n'ubugeni**: Muri uyu mwaka ingufu nyinshi zizashyirwa mu marushanwa y'indirimbo, imikino inyuranye, mu bihangano bigaragaza umuco nyarwanda. Ayo marushanwa azajya aba kuva ku rwego rwa Paruwasi kugeza ku rwego rwa Diyosezi; ibi

bizafasha urubyiruko guhura, gushyira ahagaragara impano zabo n'ibihangano byabo.

- ✓ **<u>Gutangiza communaute de l'Emmanule muri Diyosezi</u>** : Iyi ni communaute iri kugenda ishinga imizi, ikagira uruhane mu gucengeza ubukristu mu miryango no mu rubyiruko ; tuzawurambagiza rero uzaze gushinga ishami muri Diyosezi yacu maze idufashe guhugura ingo n'urubyiruko byacu;

- ✓ **<u>Ingendo-Nyobokamana</u>** : Nk'uko dusanzwe tubikora, muri uyu mwaka naho hazaba ingendo nyobokamana, ari mu gihugu cyacu ndetse no hanze yacyo, aha twavuga Namugongo, Kibeho, Ruhango, Kabuga n'i Byumba ku cyicaro cya Diyosezi. Hazakorwa gahunda y'izi ngendo maze tuzazibamenyeshe buri muntu wese azitabire izo abona azashora;

- ✓ **<u>Iyogezabutumwa mu banyabwenge</u>** : Abanyabwenge b'abakristu ni benshi, ariko usanga ubwitabire bwabo, ari mu gusenga cyangwa mu zindi gahunda za Kiliziya bugerwa ku mashyi, uyu mwaka rero aba nabo bazitabwahoku buryo bwihariye, bagenerwe amahugurwa n'imyiherereo ndetse n'urubuga rwo kugaragarizamo ibitekerezo byabo n'ibikorwa byabo;
- ✓ **<u>Gusakaza inyigisho za Kiliziya ku mibereho n'imibanire y'abantu (Doctrine sociale de l'Eglize):</u>** Izi ni inyigisho nziza zikubiyemo imigenzereze ikwiye kuranga umukristu muri iki gihe, harimo uko umuntu akwiye kubanira Imana yamuremye, uko akwiye kubana na bagenzi be, agaciro

akwiye guha ibintu ndetse n'ibidukikije. Ni inyisho nziza ariko zitaragera ku bantu benshi, uyu mwaka rero tuzakora uko dushoboye izi nyigisho ziegere kuri benshi.

Mbifurije mwese umwaka mwiza w'ikenurabushyo muri Diyosezi yacu.

Bikira Mariya Umwamikazi wa Kibeho adusabire.

**Bikorewe i Byumba, ku wa 03 Ukwakira 2015 k'Umunsi Mukuru w'abatagatifu Kandida na Geraridi.**

**+ Servilien NZAKAMWITA**
**Umushumba wa Diyosezi ya Byumba**